# 19: Mana, turategereje kwakir' uwo Mwuka wawe.

1.
Mana, turategereje kwakir' uwo Mwuka wawe.
Tumugusabye twizeye; Mutwoherereze, Mana,

Ref:
Mana yacu, Mana yacu, Woherez' Umwuka wawe. Mu mitima yacu twese, Twuzuriz'isezerano.

2.
Wonger' ucan' umuriro, mu mitima yacu twese.
Ibitagushimishije, ubitwikish' umuriro.

3.
Duh' imitim' iboneye, tuve mu gasuzuguro, Utuber' Umwami twese, utegek' abantu bawe.

4.
Utwuzuz' iminsi yose, urukundo rwawe Mana. Tub' inzu y'Umwuka Wera, ahore muri tw' iteka.

5.
Kand' impano Z'umwuka, uzitugabire Mwami. Ndets'ukize n'abarwayi, na bo bakumenye Mana.

Visit us at indirimbo.com